

K0140835

0039

RTL M 65 01 / 7 / 94

KINYARWANDA

FACE A

00.0 min

HABIMANA KANTANO: ... Imbunda z'ibisazirwa, akomeza aziha ibigori, yego biha icyashara u Bugande kubera ko Abagande ubu ngubu ikiro cy'ibigori gisigaye kiri ku mafaranga 500, ubwo rero ibifashanyo baha inyenzi byose bagura ibigori nyine, abo Bagande bamerewe neza bahinga ndetse n'ibishyimbo ndetse n'amasaka ku buryo nyine u Buganda mbese bwabonye ikiraka mu Nkotanyi, Abagande nyine na bo byarabakijije kubera amafaranga nyine ava mu mahanga ayowe mu mabanki y'Abatutsi n'ibitso byabo. Birumvikana ko u Buganda buhakirira muri iyi ntambara, burahakirira cyane kuko bugurisha ibigori uko bubonye, bukagurisha amasaka bukagurisha ibishyimbo ariko rero ndakeka ko iyo ari inyungu ntoya, ni inyungu yo kureba hafi ntabwo ari inyungu umuntu aba areba kure.

Twizere rero ko MITTERAND abwira icyo ..., icyo cyihebe MUSEVENI nyine, akakibwiza ukuri. Ikindi kivugwa mu mahanga nyine ni icyerekeye anketi y'uriya Musenegare ngo witwa niba ari SEGUY niba ari igiki.. Uwo muntu rero na we yatangiye kukameza, ngo yakoze za raporo asanga, ngo ubwicanyi ngo bwari buteganyijwe, nyamara ntaka... ntakarebe imyiteguro ya *FPR* itegura intamabara, ibyo nta cyo abivugaho ntakagire gute, ariko ngo mbere y'uko Perezida apfa, wumve n'ukuntu ateye n'isoni uwo muntu, ngo mbere y'uko Perezida apfa, ngo mbere nk'isaha mbere y'uko apfa, ngo abantu bari bata... abaturage bari batangiyeye ngo kugota imihanda, ngo nk'aho bari bazi ko inyenzi Inkotanyi ziri bugushe iyo ndege.

Mu by'ukuri rero na we aje nabi, ubwo ni ba NKUBITO yagiye kureba ni bo bamwandikiye, ni ba nde ya nde bariya bose b'ibyihebe bagiye i Burayi, ubwo ni bo bagiye bamwandikira iriya raporo, nuko ati "Nyamunsi ngo aha hari ibyo yabonye." Uwo muntu ko ntigeze mukubita ijisho, ko atigeze aza no kuri RTL, radiyo bavuga ngo iteranya abantu, we ntanaharaha ati "hinga njye no kureba abo banyamakuru bateranya abantu uko basa?". We ntanaza ati "hinga njye kureba iyo radiyo n'aho ikorerera?" Hmm. Kandi iyo abaririza, twari kumugeza, ibyo ari byo byose, mu buhungiro bwa RTL, nako muri burende tukamwereka kuko na DALLAIRE yaradushatse kandi yaratubonye. Uwo muntu se yakoze anketi ayikorera mu kihe gihugu? Yabonye na bande, na bantu ki? Ibyo ari byo byose ibya anketi ntabwo ari byo twitayeho.

Ehe! Bamubajije bati "uzashyira irisiti ahagaragara, yo ku... kumenya abantu bishe ngo bagezwe mu nkiko mpuzamahanga? " Ngo irisiti bazayikora, ubwo rero ariho arabwira abantu ngo bamukorere irisiti, ni nka ya yindi mwigeze kubona yacyiye ibintu

Arusha, ngo ni Escadron de la mort, ugasanga n'umuntu utari wakora imbunda, n'umuntu utari wakora imbunda ngo ari muri escadron de la mort. Ni uko batanze irisiti. Mwabonye abantu nka 30 na bangahe, kandi b'akarere kamwe gusa! Ugameka yuko umuntu ashatse gukora escadron de la mort atagenda arekirita arekirita ..., ngo ba tireurs d'élite, ngo abantu bazi kurasa, ngo abantu bazi kugira gute ... ariko ugasanga bashyize abantu nyine banga kuri risiti.

Ubu rero na none abo bashaka kubuza uburyo, buriya inyenzi zizagenda zikore ikirisiti cya kabutindi, bati "ngaba, ngaba abo bashaka kubuza ubuminisitiri, abo bashaka kubuza gukomer muri politiki, abo bashaka kubuza gukomera mu itangazamakuru." Bashyire ku irisiti ..., bati "ngiyo dore ngaba ba ruvumwa mu Rwanda, nimutabare nimutabare, usange barabima viza zo kwitemberera, usange abantu babamereye nabi, ariko byose nyine ari ukugira ngo gusa babateshe umutwe muri iki gihugu, noneho bisigaranire ibyiza. Ayo mayeri rero, ayo mari... ayo mayeri y'Inkotanyi, na yo bamenye ko twayamenye, nta bwo tuzongera kuyemera na gato, nta bwo tuyitayeho.

Hanyuma ikindi kivugwa ... Aha! Ku byerekeye inyenzi, ku byerekeye inyenzi, he! inyenzi rero, abo bantu babunza urupfu n'ubwoba, abo babunza urupfu, abo ..abo bacuruzi urupfu n'ubwoba noneho, ngo bageze i Kirinda, ngo bageze i Kirinda hariya muri Kibuye, he! Hafi ya Gitarama. Ariko rero ngo ikintu gishakeje ni uko umunyamakuru muri bwa buryo bwo kugira ngo bahe Inkotanyi icyubahiro zidakwiriye n'ubutwari zitagira ee... ni ukugenda nyine azogagiza, umuntu wavuze ngo yari i Kirinda ngo yumva ikintu gituritse muri km 5! Umuntu yakumva ikintu gituritse akamenya ko kiri muri km 5 gute? Ee.. Ibyo ari byo byose wumva se niba ari umuzinga abwiwe n'iki ko atari umuzinga wacu ahubwo wakumiraga inyenzi zashakaga kujya muri Kibuye? Ndaye rero yuko mu by'ukuri

4.1 min

gukwiza mu mahanga ngo, ngo ... ngo umenya Inkotanyi ngo zagiye, ngo ..ngo zirimo ziraporogera vers l'ouest, ngo kuko bari i Kirinda, ngo ukumva ikintu giturikiye muri km 5, mbese ubu ngubu ni no mu minsi y'inkuba, ni no mu minsi y'imvura.. irimo igwa, wasanga ari n'inkuba yumvise, uwo muzungu rero agashaka guha Inkotanyi icyubahiro zidafite, kugira ngo abantu bari mu bitaro i Kirinda bagire ubwoba, bagire gute.

Nabwira gusa abari mu bitaro i Kirinda cyangwa abari i Kirinda bose yuko, mu by'ukuri murabona ko iyo misozi yanyu ukuntu imeze, kugira ngo inyenzi iyirukankemo n'urubunda runini cyane, biraruhije, muyitegere ahubwo mu muhanda, iyo mbunda muyifate kuko nta yindi nzira, ntabwo yakwikorera urubunda runini cyane ngo irugeze mu misozi, nyuma .. nyuma rero mumenye ko ibyo bibunda biturika twabimenyereye hano i Kigali, muzi bituritse amezi atatu yose, byo kubakura rero mu byanyu, byica uwaramutse gupfa, ndakeka yuko mufite imisozi ihagije, ihanamye ku buryo buhagije kugira ngo muhungiremo izo nyenzi. Kumva abo rero.. aba bacuruzi b'urupfu, kumva abo abacuruzi b'urupfu ngo baje mu ... Abo bacuruzi b'urupfu

n'ubwoba ngo bayogoje na none ngo Kibuye, ni abanyabamakuru bagenda babatiza ubutwari batagira.

Ibyo bintu byo kujagata ngo ngaho bageze i Rubona nk'aho ari abagaronome byibuze, bazigisha n'abaturage n'uko bahinga, ngo ngaho bageze i Songa nk'aho ba... bazi ngo gutera inka mo n'intanga kugira ngo zororoke, abo se abaturage babishimira gute ko nta cyo bazanye? Kujyana bya bote binuka ngo ..ngo bagiye ngo ... ngo bagiye kuyogoza igihugu no gukura abantu mu byabo, ibyo nta wubyitayeho. Hanyuma rero abanyakibuye mukomere mwoye gukurwa umutima n'abo bantu bo mu mahanga babeshya nyine baha ubutwari Inkotanyi zidafite, kubera gusa ngo ni uko ziyogoza zigenda nka serwakira, muzi ko serwakira iteka, iteka isambira byinshi ariko isohoza bike.

Nyuma dukomeje noneho, mu mahanga na none ikintu kihavugwa ni i Burundi, mmm! Mugenzi wanjye ANANIYA mu kanya araza kubisesengura neza ariko mbye ..mbye mbaciriye muri make. Mu Burundi na ho haravugwa iradiyo ivugira ahantu batazi, baravuga ko yuko ndetse abantu ... Aba... Aba... Abasirikari bashyamirana n'abasiviri ku buryo bukomeye, ni byo rero ndakeka yuko iyo burya umuntu yagusuzuguye, kariya gatsiko k'Abatutsi b'i Burundi, nta n'ubwo ari ab'i Burundi gusa, ubundi Abatutsi bo.. bo muri Provensi amanyama yabashizemo ahubwo agatsiko k'Abatutsi b'Abanyarwanda, n'Abatutsi b'Abarundi bibereye i Bujumbura gusa ni ko gateye iseseme.

Abo bantu rero umunsi, umunsi ... Nako simbizi. Ariko iminsi yabo irabaze, reba na we bishe Perezida NDADAYE n'abamufasha, izo anketi ntizirakorwa ahubwo usanga icyihebe NGEZE kiri hejuru ku isonga kivuza induru ngo ... kirashakira amashyaka 50% mu baburugumesitiri, 50% muri diplomatie, 50% muri za minisiteri, ugasanga nyine icyo cyihebe, icyo cyihebe ubundi bavuga ko ari Umuhutu, cyicishije NDADAYE mwene wabo, cyicisha bagenzi be, ubu kiriho kirashaka guhitana Silivesitiri NTIBANTUNGANYA, mu by'ukuri urebye abo bantu, ako gatsiko k'Abatutsi bigize nyine, bigize abatesi, bihorere umunsi hagize MUSEVENI w'Abahutu uboneka, hanyuma ibi ngibi biturikira i Kigali na bo bigaturikira i Bujumbura, baziroha muri Tanganyika turebe yuko ubute... ubutegetsu bwabo bazajya ku... bazajya gutegekera mu... muri Tanganyika hamwe bategeka amafi.

Ubwo rero ... ubwo ibyo na byo ni ibintu nyine ariko byose byose bigenda bituruka ku gushaka gutegeka kw'Abatutsi aho bari hose, haba mu Rwanda, haba mu Bugande, haba mu Burundi haba mu ma... haba mu majyaruguru ya Kivu, mbese inyota y'ubutegetsu ni yo igenda ikurura ibi bintu byose. Twizere rero ko bazagera aho bakabona ko rubanda nyamwinshi iyo yarakaye iba yarakaye, ko kandi igomba kubona ijambo, nk'uko muri Afurika y'epfo byagenze.

Mukomeje kumva RTL, radiyo yanyu yigenga ivugira hano i Kigali, mu kanya saa tatu n'igice mugenzi wanjye ANANIYA, ubwo abasesengurire ibintu byavuzwe mu makuru ... yabaye, mu makuru yiriwe mu Rwanda ndetse no mu mahanga. Mwaramutse Anani?

NKURUNZIZA ANANIYA: Mwaramutse KANTANO? Mwaramutse nshuti za RTL, uyu muni turi itariki ya mbere Nyakanga Umwaka wa 94, turi ku muni wa 86 kuva inyenzi zubuye imirwano.

8.2 min

Uyu muni rero twagombye gukora akarasisi, ariko ako karasisi tugiye kumara imyaka ine tutagakora kuko igihugu cyacu cyatewe n'inyenzi, igihugu cyacu kirava amaraso, amaraso amenwa amenwa n'inyenzi, nta karasisi rero mu mivu y'amaraso. Gahigi araza kugira icyo ababwira kuri uyu muni.

Umunyamakuru wa Radiyo mpuzamahanga y'Abafaransa uri muri Gishyita ku Kibuye, aratangaza ko yabonye Abatutsi 30 ngo bari bamaze ibyumweru 8 bihishe Abahutu, ngo ubwo bari bamanutse rero babonye abasirikare b'Abafaransa bambaye, ni abo baturage, bari bambaye utwenda tw'udushwagi, bitwaje amacumu n'amahiri, ngo kandi bariho inkomere na zo zirimo umwana w'imyaka itanu na we wari wacitse akaboko. Uwo munyamakuru ati "Abahutu baraberabera, ariko batinya kugira icyo babatwara kubera ko abo baparakomando b'ingabo z'Abafaransa zirwanira mu mazi, ngo bari babatunze imbunda. Iyi rero ni inkuru mbabwiye yo uko imeze gutyo, murumva namwe icyo ishaka kuvuga, icyo ishaka kugeraho ni uguteranya abantu kurushaho.

Iyo radiyo na none iti "Abatutsi 80 barimo inkomere burijwe kajugujugu z'Abafaransa bava mu Bisesero, mu Bisesero sinzi niba abanyakibuye bagomba kuba bahazi cyangwa ari uwo muzungu wabivuze nabi, bava mu Bisesero rero ku Kibuye, berekeza iya Goma muri Zayire. Kirisitofu ROBODIYE (ROI-BEAULIEU), nsanze KANTANO yabibabwiraga, na we uri muri ako karere, aravuga ko yageze i Kirinda akahasanga inkomere 80, izo nkomere rero aririnda kuvuga ko ari iz'Abahutu, koko kandi izo nkomere ni iz'amasasu y'Inkotanyi. Izo nkomere rero nk'uko abivuga zakomerekeje.. zakomerekejwe n'imirwano y'Inkotanyi ngo ibera hafi y'aho. KANTANO yababwiraga yuko uwo muzungu ROI-BEAULIEU ngo yaba yarumvise.. yarumvise umuzinga uturikira kuri km 5. Bityo ngo inyenzi zikaba zototera ako karere, ee... k'iburengerazuba n'amajyepfo y'igihugu. Ndetse iyo abivuga, usanga ... n'uzivuga ibigwi.

Akavuga rero ko aho ngaho yahasanze impunzi z'Abahutu zigeze ku 30.000 zahungaga mu turere imirwano yaba iberamo ariko ngo izo mpunzi zikaba zari zifite icyizere cy'uko abasirikare b'Abafaransa yari kumwe na bo bagera kuri 30 ngo bashoboraga kuba baje kugira ngo bahagarare hagati y'abarwana, imirwano ihagarare, Abahutu na bo bazinze akarago bagenda, bagire amahoro. Uwo munyamakuru rero

akavuga ati, ati "nyamara abo Bahutu baribeshya kuko ingabo z'Abafaransa ntizaje guhagarara hagati y'abarwana ahubwo ee... kurenganura abarengana. Aha rero nta bwo byumvikana neza ukuntu abantu baba barwana ukongera uka... ntukize nabura.. ngo amahoro nabura ngo agaruke ariko ibyo byihorere.

Ya mibonano hagati ya Jenerali DALLAIRE na Jenerali AFUKADE uyobora ingabo z'Abafaransa yabereye kuri Goma, bemeje muri icyo mibonano, ko bazahuza ibikorwa ibyo bita coordination. Ubwo rero hashyizweho ba officiers bane bazajya bakora imirimo y'iherekanyabutumwa, abo bita les officiers de liaison. Hagati ya MINUAR n'ingabo z'Abafaransa.

Radiyo y'Abafaransa na none iratangaza ko ejo igisasu cyaguye mu isoko rya Nyarugenge maze kikica abantu baatu barimo umwana, icyo gisasu ari Inkotanyi zakirashe. Birumvikana, icyo uhishiriyeye umwanzi uba umushyigikiye.

Inkuru rero ikomeye KANTANO na none yashushe n'uba... n'udomozaho, nanjye nabanje gusa n'usegurira igihe navugaga ariya makuru ya za Kibuye n'ahandi, n'Abatutsi muri izo za kajugujugu icyo nkuru ikomeye yerekeranye n'akagambane amahanga akomeje kugirira Abahutu bo muri iki gihugu. Umucanshuro ukomoka muri Côte d'Ivoire, KANTANO yababwiye ko akomoka muri Senegali ariko mu by'ukuri akomoka muri Côte d'Ivoire, witwa René Denys SEGUY, ngo aherutse ino twebwe nta wigeze amuca iryera, ntitwigeze twumva no kuri Radiyo Rwanda ko uwo muntu yaba yarigeze abonana n'abategetsi b'u Rwanda ahubwo ngo aherutse ino na twe ni ko tubyumva, ngo aje gukora iperereza ku bwicanyi bwabereye mu Rwanda. Imbanziriza... imbanziriza... yo ngirwa...raporo yarasohotse.

Dore ibikubiyemo mu magambo make nk'uko twabyumvise muri radiyo y'Abongereza, muri radiyo y'Abafaransa, zikunze gushyushya urugamba. icya mbere, René SEGUY ntavugaga uwahanuye indege ya Perezeda HABYARIMANA, akamwicana na mugenzi we w'i Burundi, akamwicana n'abari bamuherekeje, barimo Nyakubahwa Jenerali

13.2 min

NSABIMANA Dewogaratsiyasi wayoboraga ingabo z'u Rwanda, barimo Koloneli SAGATWA, barimo Ambasaderi RENZAHU, barimo Dogiteri AKINGENEYE, barimo abaminisitiri babiri b'i Burundi , barimo n'Abafaransa batatu b'abofisiye, n'abandi n'abandi.

Icyo kabiri, René SEGUY aremeza ko ngo habaye umugambi wo kurimbura abatutsi ari byo twagumye kubasobanura icyo uwo mugambi wo kurimbura ubwoko uba uriho

koko ari byo yise génocide. Ngo ibyo akaba yarabibwiwe n'abantu yizeye. Ibyo yita témoignage digne de foi, ndetse ngo barimo n'abasirikare.

Icya gatatu René SEGUY akongera ati "iyi ... ubwo byicanyi na bwo bwageze ku Bahutu bicisha ... bicisha make." Ati ..reka nsubiremo," ubwo bwicanyi na bwo bwageze ku Bahutu bacisha make", abo mu gifaransa yita les modérés, akavuga ko na bo bapfuye baryozwa ahanini ngo ko bo bari ibyitso by'umwanzi. Aha rero uyu mugabo bwa mbere aremeza ko hapfuye Abatutsi gusa, noneho akavuga ko hapfuye n'Abahutu modérés, ngo bajijijwe ko bari ibyitso by'umwanzi, akongera byose akabivanga rero, akavuga ko bwari ubwicanyi bwatsembaga ubwoko bumwe. Nta wamenya rero ibyo avanga icyo ashaka kugeraho, niba azagera aho akanabivangura, ibyo ari byo byose icyerekezo mwacyumvise.

Icya kane, René SEGUY ati "n'Inkotanyi zarishe ariko zihora." Ariko ntabwo avuga ko zishe Abahutu, ndetse zigamije no kubatsemba na n'ubu zikibica. Urukiko rero rwa SEGUY mpuzamahanga asaba ko rwazaterana rugacira Abahutu .. rugacira Abahutu urubanza. Ngo Abahutu bishe Abatutsi. Ngira ngo n'Abatutsi bagombye kuzarwitaba, kuko ako gatsiko k'Abatutsi na ko gasa n'akagamije kurimbura Abahutu mu turere tumwe na tumwe tw'igihugu bagiye bageramo nk'uko twakomeje kubibabwira kuri radiyo yanyu.

Gusa, nk'uko natangiye mbivuga, SEGUY yirinze rwose gushakisha uwishe Perezida HABYARIMANA, we ngo uwo wishe Perezida HABYARIMANA abe ari we nyirabayazana w'ibyakurikiyeho byose, ahubwo icyo arakirenga akagera ku bindi ndetse nk'uko KANTANO yabibabwiye, akavuga ko na mbere yuko Perezida wa Repuburika agwa mu ndege bamaze kuyirasa, ngo Abahutu bari batangiye gushyira amabariyeri bagamije gutangira Abatutsi kugira ngo babice.

Aha rero nta bwo twumvikana neza ahari aho bagenzi banjye, ahari aho turi kumwe baraza gusesengura kurushaho. Icya gatanu rero, René SEGUY ararega ndetse ngo abantu bari mu n'Abasenyeri bahaye abaturage imbunda, kwirwanaho. Ibyo bita armes aux civils. Ubwo rero ubwo avangamo n'Abasenyeri, nta gushidikanya ko aba asegurira Inkotanyi muri buriya bwicanyi zagiriye Abasenyeri b'u Rwanda ndetse na byo ubwazo zikabyivugira, bityo uko guhora zikunze gushyira imbere.. na SEGUY ashya imbere muri raporo ye kukaba kugamije kuba kwakoroshya icyaha cya kariya gatsiko k'Abatutsi na bo bashaka kumara Abahutu. Aha aravugaga ngo ko uruburiko rw'u Rwanda, uruburiko rw'Abahutu rwahawe imyitoto ya gisirikare, ndetse agasa n'utunga agatoki ngo igihugu cy'igihangange kimwe atavugaga izina. Uretse ko bamubajije n'uruhare u Bugande bwaba bufite muri iyi ntambara, muri ubu bwicanyi bwabereye muri iki gihugu araruka ararumira.

Nta wamenya rero, ndavugaga ngarutse kuri urwo ruburiko rw'Abahutu wumva rwahawe imyitoto ya gisirikare, nta wamenya niba uruburiko rw'Abatutsi ruhanganaye n'urwo rw'Abahutu rwo niba nta myitoto ya gisirikare rwigeze rubona, bityo ngo n'abo ..n'abo Abatutsi abe yavugaga ko na bo babonye imyitoto ya gisirikare. Ahubwo nk'uko

bigaragara arikoma Abahutu gusa. René SEGUY, biragaragara ko bamwandikishije muri raporo y'ibirego bye, kurega Radiyo Rwanda no kurega Radiyo RTLM. Aha bwa mbere twumvise muri raporo barega Radiyo Rwanda, radiyo y'igihugu, bavuga ko izo radiyo zombi, by'ukuri, muri iki gihe zishyigikiye imbaga nyamwinshi y'Abahutu mu gihe birwanaho, ngo izo radiyo zombi zashoje umurwano hagati y'Abahutu n'Abatutsi ndetse ngo zishobora kuba zifite uruhare muri iryo yicana bavuga.

René SEGUY, ikindi, René SEGUY ati " bampaye irisiti y'Abahutu,.. Abahutu ngo bagize uruhare rukomeye mu bwicanyi mu gifaransa abo yita les commanditaires. Iyo risiti rero ngo akazayishyira ahagaragara bari uko amaze kubona ibimenyetso simusiga by'uko abo Bahutu bari kuri iyo risiti koko bagize ubwicanyi. Ibi bintu rero ntabwo ubwabyo byumvikana. Nta bwo wafata abantu ngo ubashyire ku risiti y'ubwicanyi utari wabona ibimenyetso. Ni ko kuvuga rero,

18.0 min

KANTANO na none yabibabwiye, ko iyi risiti isa n'iya.. ya.. n'iya.. ya yindi Inkotanyi zigeze gutanga Arusha mu kwezi kwa kabiri k'umwaka wa 93 zivuga ngo dore abicanyi mu gihugu, maze zishyiraho abo mu muryango wa Perezida wa Repuburika, zishyiraho abo mu mashyaka batavuga rumwe nazo, bose baragenda biba 37, barimo abaperefe, barimo abafongisiyoneri; iyo ni igurube y'abicanyi mu Rwanda. Iyo risiti rero nta cyadutangaza mu gihe isohotse isa ityo. Radiyo BBC na yo mu gutangaza iyi nkuru, yavuze ko Minisitiri w'intebe w'u Bwongereza ngo yababajwe n'ibikubiye muri iriya ngirwa raporo, bikaba byamubabajwe cyane. Iyo radiyo yavuze kandi ko Minisitiri w'ububanyi n'amahanga wa Reta Zunze Ubumwe z' Amerika witwa Christopher WOLLEN ngo yahise ashigikira igitekerezo cyo gushinga urukiko mpuzamahanga rwo gucira Abahutu urubanza.

Ngibyo rero ahasigaye uko mbona ni aha Guverinoma ikavuguruzwa vuba na bwangu iriya raporo, ikamagana kuriya kubogama, na ko kuriya kuryama k'uriya mucanshuro w'umunyafurika, twebwe rero dukomeje ihame ryacu nk'uko duhora tubibabwira, nk'uko GAHIGI yabibasubiriyemo, nidutsindwa bazadukoresha icyo bashaka, nidutsinda bazatugarukira.

Reka rero nkomeze mbagezeho amakuru avugwa ahandi kugira ngo ndekere bagenzi banjye ijamba basesengure kundusha, cyane cyane kuri kiriya kibazo cy'iriya raporo ya Denys SEGUY. Mu Bufaransa, uyu munsu Perezida MITTERAND arabonana na MUSEVENI, KANTANO yari amaze kubibabwira, baze kwibanda ku kibazo cy'u Rwanda. Aho mu Bufaransa kandi haravugwa impanuka y'indege ku kibuga cy'i Tuluze (Toulouse), impanuka yabayeho ejo, indege yo mu bwoko bwa air bus 330 igahitana abadereva bari bayitwaye uko bari barindwi. Ubwo yari igurutse mu myitozo yayo y'igeragezwa.

Mu Burundi na none KANTANO yababwiraga, imirwano hagati y'Abahutu n'ingabo z'Abatutsi irakomeje. Ndetse abazungu baba muri icyo gihugu bakorera imiryango itagengwa na Reta bakaba bafite impungenge zikomeye. Ubu barahuriza rero bavuga ko iby'i Burundi ngo byaba bigiye kuba nk'ibyho mu Rwanda. Na ho muri Afrique du Sud, ku itariki ya 7 z'ukwezi twatangiyeye uyu munsu, Perezida MOBUTU wa Zaire, EDUARDO DE SHANTOSH w'Angola na Nelson MANDELA bazahurira aho ngaho muri Afurika yo hepfo, maze bige ku ntambara y'urudaca imaze imyaka 19 iyogoza icyo gihugu cy'Angola.

Twibutse ko inama ya Loni ishinze umutekano yakomeje gukaza umurego ivuga ko izafatira ee.. SAVIMBI ibyemezo nakomeza kwanga iriya mishyikirano y'amahoro ibera i Lusaka. Kandi na none nagira ngo twabibabwiye ejo sinzi, ko umugi wa Kwinto n'umugi wa Malinji byagarutse mu maboko y'ingabo za.. za Reta.

Muri Palestina ho haravugwa inkuru ishyushye cyane ivuga ko Yasser ARAFAT ari bugere mu ntara ya Gaza, mu masaha make ari imbere. Arahagera aturutse mu Misiri ndetse akaza kwambuka umupaka wa Isirayeri, ahajya muri Sinayi, ubwo rero yiteguwe n'Abanyepalesitina benshi bari muri iyo ntara ya Gaza yabonye ubwigenge bucagase, bari bumwakirane ishya n'impundu. Ndetse n'abasirikare b'Abayisirayeri bageze ku bihumbi 8 bakaba babukereye ngo baze kurinda umutekano we.

Mundiyari rero, icyiciro cya mbere cy'umupira w'amaguru bahataniramo igikombe cy'isi, na cyo cyarangiyeye icyo cyiciro. Igihanga(nge) Diyego MARADONA cyo cyarahagaritswe, cyabaye gihagaritswe muri iyo mikino, cyahagaritswe n'inama ee... mpuzamahanga ireba iby'umukino w'umupira w'amaguru. Bamaze gusanga ngo yarakoresheje ibiyobyabwenge kugira ngo agire pawa. Bamaze kumuhagarika rero ikipe ye yagize akaga, ikipe ya Argentine kuko yahise itsindwa ibitego 2 ku busa, igatsindwa na Burugariya ku kibuga cy'i Darasi (Dallas), muri Reta ya Tegizasi (Texas).

Na ho aba Super Eagles ni ko kuvuga abakagoma bo muri Nijeriya(Nigeria) bongeye guhesha ishema Afurika icyubahiro kuko bagiye mu yindi ntera muri iryo rushanwa ry'umupira ribera muri Reta Zunze Ubumwe z'Amerika. Iyo kipe rero rukumbi y'Afurika iduhagarariye yatsinze u Bugereki bibiri kuri Zeru. Mwari kumwe na NKURUNZIZA Ananie, reka nsubize bagenzi banjye ijambo.

HABIMANA KANTANO: Urakoze ANANIYA, ndakeka ko GAHIGI na we afite ijambo.

22.1 min

GAHIGI: Murakoze KANTANO, murakoze ANANIYA, amakuru mutugejejeho, ndabona amakuru akomeye ari abiri wenda nagira icyo mvugaho, inkuru ya mbere ikaba ari uko uyu munsu tariki ya 1 Nyakanga twagombaga gukora akarasisi twizihiza

isabukuru y'imyaka 32 igihugu cyacu kimaze kibonye ubwigenge, ariko iyo sabukuru, iyo.. ako karasisi ntabwo twagakora ahubwo turi mu kurwana n'inyenzi Inkotanyi. Iyo nkuru rero ndumva nagira icyo nyivugaho, indi nkuru nagira icyo mvugaho ni iriya raporo ya René SEGUY ku byerekeye ngo ubwicanyi bwabaye muri iki gihugu.

Nk'uko rero natangiye mbivuga, ubundi uyu munsu twari gukora akarasisi, tukizihiza isabukuru y'imyaka 32 igihugu cyacu kimaze cyigenga. Mbibutse ko iyi ntambara turi mo, twashowemo na *FPR Inkotanyi*, *FPR Inkotanyi* igira icyo ipfana n'inyenzi. Inyenzi rero muzi ko iyi Repuburika yacu ikivuka, tukibona ubwigenge, tariki ya 1 / 7 / muri 62, Inkotanyi ariko icyo gihe zitwaga inyenzi zari zitarabatizwa ngo ziyite Inkotanyi.

inyenzi,.. inyenzi zari zigizwe n'Abatutsi bavuye muri *UNAR* batsinzwe amatora, bahise bahungira mu bihugu duhana imbibi. Bahungira mu Burundi cyane cyane, muri Uganda, muri Kenya, noneho bishyira hamwe bakora umutwe witwa inyenzi, inyenzi ndetse abakurikiye hafi akaba ari amagambo ahinnye tukaba tutashoboye kumenya icyo avuga ariko nk'uwaba azi neza ijamba inyenzi icyo rivuga yazabigeza hano kuri RTLM. Natwe tuka bigeza ku batwumva kuko nyuma ya buri nyuguti wabonaga akadomo.

Ubundi rero iyo ijamba ryanditse rityo ni ukuvuga ko aba ari amagambo ahinnye ariko wayasoma uko ameze bigatanga inyenzi, gusa icyo tuzi ni uko ari agatsiko k'abatutsi bari barahunze muri Revorisiyo yo muri 59, noneho baragenda bakora umutwe w'ingabo noneho barwanya Repuburika igishingwa muri 62. Ubwo rero inyenzi zakomeje kugaba ibitero, zituruka mu bihugu duturanye, zigaba ibitero mu Mutara, zigaba ibitero mu Bugesera, zigaba ibitero muri za Nshili, zigaba ibitero mu birunga kugeza muri 67, abakurikiye amateka y'iyi ntambara, ni bwo igitero cya nyuma cyabaye cy'inyenzi. No guhera 67 twebwe twabonye agahenge ndetse *Abaparimehutu* bakomeza kuriramba ko batsinze ariko batazi ko inyenzi, inyenzi ziri mo kwisuganya, ziri mo gutegura intambara ubu zise iya rurangiza.

Ubwo guhera muri 67 kugeza muri 90. Imyaka 23 inyenzi zitegura intambara zise iya rurangiza, zagabye igitero muri 90 ariko noneho ukabona icyo gitero cyo 61 zigitera no muri 60 no muri 90 zigarutse zigabye igitero ukabona ibyo bitero bisa kuko zigitera bwa mbere Repuburika igishingwa, zateye zivuga ko zije rwose gufata ubutegetsi, ho zarabivugaga ko zije gufata ubutegetsi zambuwe n'Abahutu bo muri Revorisiyo yo muri 59. Muri 90 zitera zivuga ko nta demokarasi iri mu gihugu ko rero zije gushinga demokarasi, ukibaza koko niba demokarasi izanwa n'amasasu, izanwa n'imbunda.

Ubwo muri 90 zubuye ibitero, ziratera ziturutse i Kagitumba, zirakomeza zituruka iyo mu birungu, zikomeza kurwana rero kugeza igihe zishyiriye umukono ku masezerano ya Arusha, noneho tuvuga ko tugiye gushyiraho Guverinoma y'inzigabacyuho ariko inyenzi Inkotanyi umugambi wazo ntizawuvaho ahubwo ..ahubwo zikomeza gutegura intambara, zikomeza gukora ibyo bita recruitment, gushaka abasore bo kuzirwanirira

ndetse zikomeza gushaka abacanshuro, zikomeza kugura amasasu mu gihe twebwe ..abambari bazo batubuzaga kugira agakoresho k'intambara na kamwe twagura. Ejo bundi rero zihitanye Perezida wa Repuburika tariki ya 6 y'ukwezi kwa 4, ni bwo nko.. inyenzi Inkotanyi zubuye imirwano, ni bwo habaye n'imvururu mu gihugu biturutse ariko kuri iyo ntambara yubuwe n'Inkotanyi .

Ubwo rero nkagira ngo noneho nsubire ku kibazo cy'ubwicanyi kiri muri iyo raporo ya René Denys SEGUY ihereye nyine kuri iyo ntambara. Navuze ko intambara ari akaga, aho intambara ibaye ntabwo umuntu ayirwana wenyine. Intambara ubundi bivuga ko haba hari abantu babiri bashyamiranye noneho bakarwana nyine umwe akanesha undi, mbere yo kumunesha hagapfa abantu abandi bagakomereka. Mbona rero umuntu ukora raporo akavuga ko habaye ubwicanyi bw'uruhande rumwe mu gihugu uwo muntu atumvise ko mu Rwanda hari intambara, ko habaye intambara, ko n'ubu igihari.

Nta bwo rero twavuze ko *FPR Inkotanyi* igizwe n'agatsiko k'Abatutsi extremistes nje nise nihilistes kuko ari intabikangwa batagira icyo bemera, basenya byose bakica udafatanyije na bo, na

27.0 min

we.. we wese, tukumva rero rero ako gatsiko k'abatutsi extremistes kagize umutwe wa *FPR Inkotanyi* kashutse, kashutse abandi Batutsi kati muturwa.. Muturwanirire, ni intambara y'Abatutsi turashaka gufata ubutegetsi. Abatutsi rero benshi babyirohamo, ariko hari n'abatagiyemo.

Noneho rero bubuye imirwano Abahutu benshi bazi ko Abatutsi ari bo bari ibyitso, Abatutsi bamwe na bamwe simvuga bose, ari bo bari ee.. bagize umutwe w' inyenzi. Haza rero, intambara iza gufata indi sura y'amoko, Abahutu n'Abatutsi, abantu koko baricana, icyo ni cyo cyatumye mvuga nti "uwakora raporo yareba koko uko bicanye mu mpande zombi ariko ntavuge ngo habaye ubwicanyi mu ruhande rumwe." Tubona rero nk'uko ingabo z'u Bufaransa zigera muri ...akarere kagenzurwa n'ingabo za Guverinoma bati" twabonye Abatutsi bihishe mu ishyamba." Bati "ariko twabonye n' Abahutu b'inkomere bari aha n'aha."

Twavuze ko uwakora anketi ya nyayo, akamenya isura y'intambara uko imeze yajya no mu karere *FPR* yagezemo noneho akareba Abahutu yishe, ikareba Abahutu bakihishe, kuko njye mvuga ko nta wicira ubwoko kubutsemba, akareba ko hari Abahutu bakihishe mu ntoki, mu myumbati, mu myobo, mu bihuru n'ahandi. Abo bantu barahari. Ndetse n'ikimenyimenyi hari imirambo ibihumbi 50 y'Abahutu bavanye muri lac Victoria Akagera karayishushubikanye kayigeza aho ngaho. Abakora anketi rero nibarebe abo ngabo.

K0140846

Abakora anketi nibajye i Ngara barebe Abahutu ibihumbi n'ibihumbi bahunze Inkotanyi. None se babahunga ari uko ari inshuti zabo cyangwa bahungaga amasasu yabo? icyo kintu rero gikwiye kuga...

28.4 min

FACE B

15.5 min

GAHIGI: ..ko abatutsi nk'uko twabivuze, ni abantu bazi gucengera cyane, OBOTE ni we wigeze kuvuga ati" ni nk'imvunja bazi gucengera cyane, muri disikuru yavugiyi Soroti muri Yuganda, Abatutsi rero bacengeye imiryango mpuzamahanga myinshi, abatutsi bacengeye ibihugu byinshi, byinshi bagiyemo, iyo uvuze rero anketi mbese ahubwo bihutira kugira ngo babwire iyo miryango uzakora anketi uwo ari we, mu kugira ngo bamushyireho Abatutsi bakaba babiri mo kandi bakamujya hafi, bakamupakiramo ibintu. Njye nkibaza nk'uko nari nabivuze, ko iyo risiti bavuga y'Abahutu, ahubwo uzasanga abenshi ari kuri ba bandi bari kuri ya risiti y'Arusha, abo bise Escadron de la mort.

Urumva rero koko njyewe ku bwanjye navuga ko izo anketi, izo anketi, inyinshi nta cyo zizatumarira. Jye nemera rero yuko ubu turi muri Revorisiyo isa n'iyo muri 59, Revorisiyo mbona ari rurangiza, Revorisiyo yerekana ko Abatutsi bacengeye hose, ko rero niba igihugu cyacu kigomba noneho kuba gifite isura nshya, n'abahutu bagomba gucengera aho hose. Bacengera mu miryango mpuzamahanga, bakajya mu bihugu bagakora akazi kabo muri za mbasadi, bakareka kurangara dore ko ari cyo kituranga, bagacengera muri za Kiriziya ndetse bagahabwa ubupadiri bagahabwa ubusenyeri, kiriziya y'u Rwanda ntiharirwe ubwoko bumwe noneho koko intambara ikaba rurangiza, nyuma y'intambara tugasanga Umuhutu uzarokoka azaba avuguruye, Umututsi uzarokoka azaba avuguruye.

Noneho hakaba imibanire mishya y'amoko, imibanire izaba igamije guteza igihugu imbere, aho kugira ngo umwe azahore aneka undi, agira... amureba amureba... amurebuzwa. Ngicyo icyo nagira ngo mvuge ariko muri uko kubivuga nagira ngo nongere nibutse ko *FPR Inkotanyi* ari agatsiko k'Abatutsi extremistes njye mvuga ko ari nihilistes batagira icyo bemera.

